Umwiza muri mwe kubarusha ni uwize Qur'an ndetse akanayigisha abandi

Hadithi yaturutse kwa Uthman (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Umwiza muri mwe kubarusha ni uwize Qur'an ndetse akanayigisha abandi."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Bukhari]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko umwiza kuruta abandi imbere ya Allah, ndetse akaba anabarusha urwego ari uwize Qur'an akaba ayisoma yarayifashe mu mutwe, anasobanukiwe amategeko ayikubiyemo, ndetse akanabyigisha abandi, hiyongereyeho no kuyishyira mu bikorwa.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5913